- Dutanga ubujyanama ku bijyanye n'ubworozi bwa kijyambere
- Dufasha abafatanya bikorwa bacu kuzigama binyuze muri gahunda ya Aguka Fund

## UKO IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI BW'INKA KIBARWA

| AGACIRO K'INKA (Frw) | IKIGUZI MBUMBE (5.5%) | AYISHYURWA N'UMWOROZI (60%) | AYISHYURWA NA LETA (40%) |
|---|---|---|---|
| 100,000 | 5,500 | 3,300 | 2,200 |
| 200,000 | 11,000 | 6,600 | 4,400 |
| 300,000 | 16,500 | 9,900 | 6,600 |
| 400,000 | 22,000 | 13,200 | 8,800 |
| 500,000 | 27,500 | 16,500 | 11,000 |
| 600,000 | 33,000 | 19,800 | 13,200 |
| 700,000 | 38,500 | 23,100 | 15,400 |
| 800,000 | 44,000 | 26,400 | 17,600 |
| 900,000 | 49,500 | 29,700 | 19,800 |
| 1,000,000 | 55,000 | 33,000 | 22,000 |
| 1,200,000 | 66,000 | 39,600 | 26,400 |
| 1,500,000 | 82,500 | 49,500 | 33,000 |

## UKO IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI BW'INGURUBE KIBARWA

| AGACIRO K'INGURUBE (Frw) | IKIGUZI MBUMBE (6%) | AYISHYURWA N'UMWOROZI (60%) | AYISHYURWA NA LETA (40%) |
|---|---|---|---|
| 50,000 | 3,000 | 1,800 | 1,200 |
| 70,000 | 4,200 | 2,520 | 1,680 |
| 80,000 | 4,800 | 2,880 | 1,920 |
| 100,000 | 6,000 | 3,600 | 2,400 |
| 150,000 | 9,000 | 5,400 | 3,600 |
| 200,000 | 12,000 | 7,200 | 4,800 |
| 300,000 | 18,000 | 10,800 | 7,200 |
| 400,000 | 24,000 | 14,400 | 9,600 |

## UKO IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI BW'INKOKO KIBARWA

| AGACIRO K'INKOKO (Frw) | IKIGUZI MBUMBE (5.5%) | AYISHYURWA N'UMWOROZI (60%) | AYISHYURWA NA LETA (40%) |
|---|---|---|---|
| 1,000 | 55 | 33 | 22 |
| 2,000 | 110 | 66 | 44 |
| 3,000 | 165 | 99 | 66 |
| 4,000 | 220 | 132 | 88 |
| 5,000 | 275 | 165 | 110 |



## BK INSURANCE, UMWISHINGIZI WIZEWE

KN 3 Ave Kigali, Rwanda
(+250) 788 177 400
(+250) 788 384 099
bkinsurance@bk.rw
bkinsurance.rw
@bkinsuranceltd

BK Insurance
Safeguarding Your Wealth

# GAHUNDA Y'UBWISHINGIZI BW'AMATUNGO

"Tekana Urishingiwe Muhinzi - Mworozi"



## IBIRANGA GAHUNDA Y'UBWISHINGIZI BW'AMATUNGO

- Ishyirwa mu bikorwa na MINAGRI ifatanyije n'ibigo by'Ubwishingizi.
- Yishingira: Inka, Ingurube n'inkoko.
- Igira nkunganire ya Leta ingana na 40% ku kiguzi cy'ubwishingizi.
- Hakoreshwa uburyo bwizewe mu kubarura amatungo yafashe ubwishingizi.
- Uburyo bwo kwishyuza no kwishyura itungo ryapfuye bworoshye, kandi hishyurwa agaciro k'Itungo ryari rifite igihe ryafatagaubwishingizi.

## NI UBUHE BWOKO BW'AMATUNGO BWISHINGIRWA MURI IYI GAHUNDA?

- INKA: Inka z'ibyimanyi n'inka z'inzungu
- INGURUBE: Ingurube z'ibyimanyi, n'ingurube z'inzungu
- INKOKO: Inkoko zitera amagi n'inkoko z'inyama

## IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI

- Ikiguzi cy'ubwishingizi kibarwa hashingiwe ku gaciro kari ku isoko ku nka n'ingurube; ku nkoko agaciro kangana n'amafaranga ibihumbi bitanu (5000Frw).
- Agaciro k'Inka cyangwa ingurube kari ku isoko kagenwa kuburyo bwumvikanyweho n'umworozi, veterineri ubifitiye ububasha ndetse na BK Insurance.
- Leta yishyurira umworozi nkunganire ingana na 40% y'ikiguzi cy'Ubwishingizi, umworozi akiyishyurira 60% by'ikiguzi cy'ubwishingizi.

| ITUNGO | IBYISHINGIRWA | IBITISHINGIRWA | IKIGUZI CY'UBWISHINGIZI | IKIGERO CY'UBUKURE ITUNGO RITANGIRA GUFATIRAHO UBWISHINGIZI | IGIHE UBWISHINGIZI BUMARA |
|---|---|---|---|---|---|
| Inka | 1. Impanuka (inkuba, ibikomere byo ku mubiri no munda, serwakira, kurumwa n'inzoka, imyuzure, inkangu)<br>2. Ibyorezo<br>3. Indwara zica ariko zavuwe inka ntikire,<br>4. Inka yasabiwe gukurwa mu bworozi bisabwe n'umuganga w'amatungo ubifitiye ububasha.<br>5. Izapfuye zibyara | 1. Uburangare (Kuvuza inka nabi, kurigaburira ibyateza impanuka, ibyuma, amashashi)<br>2. Uburozi<br>3. Ubujura<br>4. Intambara,<br>5. Kwica inka ubigambiriye. | 5.5% | Nyuma y'amezi 3 inka ivutse | Ubwishingizi bumara umwaka umwe |
| Inkoko | 1. Impanuka (inkuba, ibikomere byo ku mubiri no munda, serwakira, ubukonje, kurumwa n'inzoka, imyuzure, inkangu)<br>2. Ibyorezo<br>3. Indwara zica ariko zavuwe inkoko ntikire<br>4. Inkoko yasabiwe gukurwa mu bworozi bisabwe n'umuganga w'amatungo ubifitiye ububasha. | 1. Uburangare (umwanda, kuvuza itungo nabi, kurigaburira ibyateza impanuka, ibyuma, amashashi)<br>2. Ubujura<br>3. Intambara<br>4. Kwica inkoko ubigambiriye. | 5.5% | Nyuma y'iminsi 15 inkoko zivutse | Ku Nkoko z'amagi ubwishingizi bumara umwaka umwe<br><br>Ku Nkoko z'inyama ubwishingizi bumara iminsi 45 |
| Ingurube | 1. Impanuka (inkuba, ibikomere byo ku mubiri no munda, serwakira, kurumwa n'inzoka, imyuzure, inkangu)<br>2. Ibyorezo<br>3. Indwara zica ariko zavuwe ingurube ntizikire<br>4. Ingurube yasabiwe gukurwa mu bworozi bisabwe n'umuganga w'amatungo ubifitiye ububasha.<br>5. Izapfuye zibyara | 1. Uburangare (Kuvuza itungo nabi, kurigaburira ibyateza impanuka, ibyuma, amashashi)<br>2. Ubujura<br>3. Intambara<br>4. Kwica ingurube ubigambiriye | 6% | Nyuma y'iminsi 30 ingurube ivutse | Ubwishingizi bumara umwaka umwe |



## KUMENYEKANISHA INKA YAPFUYE

- Igihe itungo ryafashe ubwishingizi ripfuye umworozi yihutira ako kanya kubimenyesha BK Insurance na Veterineri w'umurenge.
- Umworozi ashobora guhamagara kuri numero ya BK Insurance 0788384099 bakamufasha.
- Abaveterineri babifitiye ububasha bapima amatungo yapfuye bakareba icyayishe, bagakora raporo.
- Umworozi ashyikiriza BK Insurance raporo y'ikishe itungo iherekejwe n'izindi nyandiko yahawe igihe yafataga ubwishingizi.
- BK Insurance ishingira kuri raporo yakozwe n'abaveterineri, igafata umwanzuro ukwiye ukamenyashwa nyiri itungo mu gihe kitarenze iminsi 30.

## IBISABWA UWAFASHE UBWISHINGIZI

- Uwafashe ubwishingizi agomba kugaburira amatungo ye indyo yuzuye, amazi kuyagirira isuku. Mu bumenyi no mu bushobozi bwe agomba gukora ibishoboka byose akayarinda icyazihungabanya.
- Mu gihe itungo rifashwe n'indwara cyangwa rigize impanuka, umworozi wafashe ubwishingizi agomba kurivuza kuri veterineri ubifitiye ububasha ku mafaranga ye bwite.
- Agomba kandi guhita amenyesha BK Insurance iby'iyo ndwara cyangwa impanuka.

## UMWIHARIKO W'UMURYANGO WA BANKI YA KIGALI

- Dutanga ubwishingizi bw'amatungo yaba ayunganiwe ndetse n'atunganiwe na leta.
- Dutanga inguzanyo ku borozi.
- Dutanga inguzanyo ku bafatanyabikorwa dukorana mu buhinzi.
- Dufite amashami mu gihugu no muri buri karere bituma serivisi zacu zihuta
- Dufite abakozi kuva ku rwego rw'igihugu kugeza kurwego rw'umurenge